Rwanda Meteorology Agency

*ISO 9001:2015 CERTIFIED*

# ITEGANYAGIHE RY'IGIHEMBWE CY'ITUMBA WERURWE – MATA - GICURASI 2023, Nº63

Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) kinejejwe no gutangariza Abaturarwanda bose ko Itumba rya 2023 muri rusange riteganyijwemo imvura isanzwe igwa muri ayo mezi mu bice byinshi by'igihugu ariko hakaba hari ibice by'Intara y'Uburengerazuba bizabona imvura nke ku isanzwe ihagwa.

Ibi biraterwa ahanini n'ubushyuhe bwo mu Nyanja ngari ya Pasifika n'iy'Ubuhinde buteganyijwe kuba ari ubushyuhe busanzwe muri iki gihembwe cy'Itumba 2023, ibi bigatuma henshi mu bice byinshi by'Igihugu hateganyijwe imvura isanzwe igwa mu bihe byiza. Ibihe by'Itumba byabonetsemo imvura ijya gusa nk'iyi, ni ibyo mu myaka ya 2021, 2017, 2012 na 2002.

**Ingano y'imvura iteganyijwe mu gihembwe cy'Itumba 2023 hashingiye ku miterere ya buri karere:**

- **Imvura iri munsi ya milimetero 300** iteganyijwe mu burasirazuba bw'Uturere twa Nyagatare na Gatsibo ndetse n'agace gato k'amajyepfo y'Akarere ka Kirehe.

- **Imvura iri hagati ya milimetero 300 na 400** iteganyijwe henshi mu ntara y'Iburasirazuba, mu karere ka Kicukiro, mu majyepfo y'Akarere ka Gasabo n'agace gato k'iburasirazuba bw'Akarere ka Nyarugenge.


- **Imvura iri hagati ya milimetero 400 na 500** iteganyijwe mu ntara y'Uburengerazuba uretse amajyaruguru y'Akarere ka Nyabihu, mu ntara y'Amajyepfo uretse mu majyepfo y'Akarere ka Nyaruguru, mu gice kinini cy'Akarere ka Nyarugenge, ndetse no mu majyaruguru y'Akarere ka Gasabo n'igice kinini cy'Akarere ka Rwamagana.


- **Imvura iri hagati ya milimetero 500 na 600** iteganyijwe mu bice bya Pariki y'Igihugu y'Ibirunga mu turere twa Musanze na Burera, mu majyaruguru y'Uturere twa Nyabihu na Gakenke no mu majyepfo y'Akarere ka Nyaruguru.

Amakarita akurikira aragaragaza ingano y'imvura, itangira n'icika ry'imvura muri iri Tumba rya 2023.


METEO RWANDA(Director General) Digitally signed by METEO RWANDA(Director General) Date: 2023.02.24 15:13:42 +02'00'

P.O Box 898 KIGALI | E-mail:info@meteorwanda.gov.rw | @MeteoRwanda | Toll free: 6080
Address: Nyarugenge KN2, 96st | Website: www.meteorwanda.gov.rw | Meteo Rwanda




METEO RWANDA(Director General)
Digitally signed by METEO RWANDA(Director General)
Date: 2023.02.24 15:14:25 +02'00'




**ITANGIRA RY'IMVURA Y'ITUMBA 2023**

Hateganyijwe ko imvura y'itumba 2023 izatangira hagati y'itariki ya 22 kugeza 28 Gashyantare 2023:

- ✓ Mu Ntara y'Iburengerazuba uretse igice cy'amajyaruguru y'Uturere twa Rubavu na Ngororero.
- ✓ Mu Ntara y'Amajyepfo mu Karere ka Nyamagabe, Nyaruguru, igice kinini cy'Akarere ka Huye, amajyepfo y'Akarere ka Gisagara n'agace gato k'iburengerazuba bw'uturere twa Nyanza na Ruhango.

Hagati y'itariki ya 1 n'iya 6 Werurwe:

Mu Ntara y'Amajyaruguru, iy'Amajyepfo, no mu Mujyi wa Kigali, Akarere ka Bugesera, igice kinini cy'Akarere ka Ngoma no mu bice bito by'Akarere ka Kirehe na Gatsibo.

Hagati y'itariki ya 7 n'iya 13 Werurwe 2023:

Mu turere twa Nyagatare, Gatsibo, Kayonza, Kirehe no mu bice bito by'iburasirazuba by'Uturere twa Gicumbi, Ngoma na Rwamagana;

METEO RWANDA(Director General) Digitally signed by METEO RWANDA(Director General) Date: 2023.02.24 15:15:03 +02'00'

**ICIKA RY'IMVURA Y'ITUMBA 2023.**

**Hateganyijwe ko imvura y'Itumba 2023 izacika mu buryo bukurikira:**

Hagati y'itariki ya 20 n'iya 26 Gicurasi 2023 mu majyepfo y'Intara y'Iburasirazuba (Kayonza, Rwamagana, Bugesera, Ngoma na Kirehe), Amayaga (Agace ka Kamonyi, Ruhango, Nyanza, na Gisagara) ndetse no mu Mujyi wa Kigali.

Hagati y'itariki ya 27 Gicurasi n'iya 2 Kamena 2023 mu ntara y'Amajyepfo uretse igice cy'Amayaga no mu burasirazuba bw'Uturere twa Musanze, Nyabihu, Ngororero, Karongi na Rusizi, mu turere twa Nyagatare, Gatsibo, Gicumbi, Rulindo, Gakenke na Burera.

Hagati y'itariki n'iya 3 na 10 Kamena 2023 mu Ntara y'Iburengerazuba, igice gito cy'Akarere ka Nyamagabe ndetse na henshi mu Karere ka Musanze.

## ICYITONDERWA

Ikigo cy'u Rwanda Gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (METEO RWANDA) gishingiye kuri iri teganyagihe ry'imvura y'Itumba 2023, kirasaba inzego zose za Leta, Imiryango idaharanira inyungu, Imishinga ikorera mu Rwanda, Ibigo by'abikorera ndetse n'Abaturarwanda muri rusange ko bakwiriye gushingira kuri iri teganyagihe bagafata ingamba zijyanye n'ibikorwa byabo.

By'umwihariko, dushingiye kuri iri teganyagihe ry'igihembwe cy'Itumba 2023 (Igihembwe cy'ihinga 2023B), inzego z'ubuhinzi ziragirwa inama yo kwihutisha imirimo yo gutegura imirima, guhitamo imbuto zera vuba, kwihutisha kugeza inyongeramusaruro ku bahinzi, guterera ku gihe, gutegura ibikoresho byifashishwa mu mirimo yo kuhira cyane mu bice bikunze kugira imvura idahagije ndetse no kwita ku buryo bwo guhinga butuma ubutaka bubika amazi.

METEO RWANDA ku bufatanye na Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi n'Ikigo gishinzwe Iterambere ry'Ubuhinzi n'Ubworozi (RAB), Minisiteri ishinzwe Ibikorwa by'Ubutabazi (MINEMA) n'abandi bafatanyabikorwa, bazakomeza gukorana bya hafi muri gahunda zigamije gutuma Abaturarwanda babona amakuru y'Ubumenyi bw'Ikirere ku gihe kugira ngo bayashingireho bakora igenamigambi ryabafasha gufata ibyemezo bikwiye.

METEO RWANDA(Director General)
Digitally signed by METEO RWANDA(Director General)
Date: 2023.02.24 15:15:43 +02'00'

P.O Box 898 KIGALI | E-mail:info@meteorwanda.gov.rw | @MeteoRwanda | Toll free: 6080
Address: Nyarugenge KN2, 96st | Website: www.meteorwanda.gov.rw | Meteo Rwanda

Abakeneye ibindi bisobanuro birambuye kuri iri teganyagihe n'uburyo ryakoreshwa barasabwa kwegera Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (METEO RWANDA) hakoreshwa imbuga nkoranyambanga zitandukanye z'iki kigo cyangwa bagahamagara ku murongo utishyurwa 6080.

***Iri teganyagihe rikomeza gukoreshwa ryunganirwa n'irindi ry'Ukwezi, Iminsi icumi (10), iminsi irindwi (7), iminsi itatu 5, iminsi itatu (3), irya buri munsi ndetse n'iteganyagihe riburira.***

Bikorewe Kigali, kuwa 24/02/2023.

METEO RWANDA(Director General) Digitally signed by METEO RWANDA(Director General) Date: 2023.02.24 15:16:32 +02'00'

**Aimable GAHIGI**
**Umuyobozi Mukuru**

P.O Box 898 KIGALI | E-mail:info@meteorwanda.gov.rw | @MeteoRwanda | Toll free: 6080
Address: **Nyarugenge KN2, 96st** | **Website: www.meteorwanda.gov.rw** | **Meteo Rwanda**